Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°05/2020: **Taliki: Gicurasi 2020**

Cyasohotse kuwa 05 Kamena 2020

Inshamake:

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari kimeze mu kwezi kwa Gicurasi 2020, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kwa Kamena 2020, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere mu kwezi kwa Gicurasi 2020 ndetse n'izishobora kuba mu kwezi kwa Kamena 2020.

- Muri uku kwezi kwa Gicurasi 2020; haguye imvura iri mu rugero mu ntara y'Amajyaruguru, Amajyepfo n'Iburengerazuba naho mu ntara y'Iburasirazuba ndetse n'Umujyi wa Kigali iba nke cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi mu gihe cy'imyaka myinshi.
- Mu kwezi kwa Kamena 2020; hateganyijwe imvura nke cyane mu turere twose tugize igihugu, ikigero cy'imvura izaboneka kiri hagati ya milimetero 0 na 30.
- Muri Gicurasi 2020 imvura yaguye yatumye imirimo yo gusarura no guhunika igenda neza naho ibihingwa byatewe nyuma bikaba byarabuze umusaruro ugaragara. Hateganyijwe ko imvura izagabanuka mu kwezi kwa Kamena bizatuma ubuhehere bw'ubutaka buzagabanuka cyane, amazi akagabanuka, ndetse n'ubwatsi bw'amatungo buzagabanuka.

Iriburiro

Ahenshi mu gihugu haguye imvura iri mu kigero uretse mu Ntara y'Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali haguye imvura nke cyane ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi kwa Gicurasi.

I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Gicurasi 2020 mu buryo burambuye

Muri uku kwezi kwa Gicurasi 2020 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 21.3 na 213.8. Imvura nyinshi yapimiwe ku bupimiro bwa Busogo ingana na milimetero 213.8. Intara y'Amajyaruguru, iy'Iburengerazuba ndetse n'iy'Amajyepfo niho hapimwe imvura nyinshi kurusha ahandi.

Mu Mujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali hapimwe milimetero 27.8 na milimetero 28.7 ku bupimiro bwa Gitega. Mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 108.6 na Byimana hapimwe milimetero 170.1.

Mu Ntara y'Amajyaruguru hapimwe imvura mu buryo bukurikira: Gicumbi (104.9mm), Busogo (213.8mm) na Musanze (141.4mm). Mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwa Rusizi (105.4mm), Rubavu (113.2mm), Rubengera (170.9mm) na Bugarama (67.4mm). Mu Ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 65.9, milimetero 21.3 yapimwe ku bupimiro bwa Ngoma na milimetero 57.9 ku bupimiro bwa Kawangire.

Iri gabanuka ry'imvura ryatewe no kwimuka kw'isangano ry'imiyaga ishyushye ituruka mu gice cy' Afurika y'Amajyaruguru n'ikonje ituruka mu gice cy'Afurika y'Amajyepfo yerekeje mu Majyaruguru ya Africa kandi na none bigashingira no ku miterere y'Uturere tugize u Rwanda.

Igiteranyo cy'imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)

Ubupimiro	Gicurasi 2020	Gicurasi
Kigali	27.8	100.1
Gitega	28.7	65.3
Nyamagabe	108.6	143.4
Byimana	170.1	156.3
Gicumbi	104.9	124.4
Busogo	213.8	141.6
Musanze	141.4	155.6
Bugarama	67.4	108.2
Rusizi	105.4	97.5
Rubavu	113.2	98.7
Rubengera	170.9	130.2
Ngoma	21.3	120.4
Kawangire	57.9	103.9
Nyagatare	65.9	99.5



Imbonerahamwe ya 1n'Ishusho 1;biragaragaza ikigeranyo cyimvura yaguye muri Gicurasi 2020 nisanzwe igwa m uminsi myinshi

Ikarita zikurikira hasi **(1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Gicurasi 2020 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi.



Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm) muri Gicurasi 2020

Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa (mm) muri Gicurasi

II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya 20.8^{0}C ku bupimiro bwa Gicumbi mu Karere ka Gicumbi na 30.8^{0}C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 12.2^{0}C (Busogo na Musanze) na 19.4^{0}C (Bugarama). Igice cy'Amajyaruguru ndetse n'icy'Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburengerazuba, Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).



Ikaritaya3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

III. Ubuhehere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka, biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwagabanutse cyane mu kwezi kwa Gicurasi biturutse ku mucyo waranze iminsi myinshi y'uku kwezi kwa Gicurasi 2020 (**reba Ikarita 5&6**). Ubuhehere bw'ubutaka bukazakomeza kuba buke cyane kubera icika ry'imvura ryatangiye ndetse no kugabanuka kw'ibicu mu kirere muri uku kwezi kwa Kamena.



Ikarita5 : Mata 2020



Ikarita6: Gicurasi 2020

IV. Iteganyagihe ryo kuva ku itariki ya 1 kugera 30 Kamena, 2020



Ikarita 7 :Ingano yimvura iteganyijwe muri Kamena 2020

Mu ukwezi kwa Kamena 2020 hateganyijwe imvura nke iri hagati ya milimetero 0 na 30 mu Rwanda hose. Mu turere twa Rubavu n' igice cy'uturere twa Musanze, Rutsiro, Nyabihu, Burera, Nyamagabe, Nyaruguru, Rusizi na Nyamasheke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 30 muri Kanama. Mu bice bisigaye bigize uturere tw'intara y'i Burengerazuba, iy'Amajyaruguru uretse uduce twa Rulindo na Gicumbi duhana imbibi na Kigali, ahasigaye muri Nyaruguru na Nyamagabe ndetse n'amajyaruguru y'akarere ka Muhanga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 10 na 20. Naho ahasigaye hose hateganyijwe imvura nke iri hagati ya milimetero 0 na 10. Iyi mvura iteganyijwe izaturuka ku miterere ya burihantu mu gihugu.

Imvura iteganyijwe muri Kamena 2020 iri munsi gato y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi mu gihugu hose. Ikigereranyo cy'imvura isanzwe igwa muri Kamena iri hagati ya mm 0 na 50 bitewe n'ahantu.

V. INGARUKA

Imvura yaguye muri Gicurasi yari iri mu kigereranyo cy'isanzwe igwa mu Ntara y'Amajyarugu, Amajyepfo ndetse n'Iburengerazuba naho mu ntara y'Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali ikaba yarabaye nke cyane. Ibi bikaba byaratumye imirimo yo gusarura no guhunika igenda neza naho ibihingwa byatewe nyuma bikaba byabura umusaruro ugaragara.

Ibiteganyijwe muri Kamena 2020

Muri Kamena, hateganyijwe imvura nke cyane bikazatuma imirimo yo guhunika igenda neza, amazi azatangira kugabanuka, ndetse n'ubwatsi bw'amatungo buzagabanuka.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri nyuma y'amasaha atandatu, irisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5)iry'iminsi irindwi (7) ndetse n'iry'iminsi icumi ritangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).